Kicukiro, kuwa 22/03/2012

Réf. N° 005/07.0103/Njy/2012

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

MINALOC
Pour réception
Date 22 MAR 2012
Signature............

Reçu le 22/03/2012
Adam Ass. to the Mayor

**UMUJYI WA KIGALI**
**AKARERE KA KICUKIRO**

**Bwana Umuyobozi w'Umujyi**
**wa Kigali**
**KIGALI**

**Impamvu** : Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 17/03/2012

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 17/03/2012.

Iyo myanzuro murayisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mbashimiye uburyo mubyakiriye.

Mugire amahoro.

**Dr NYIRAHABIMANA Jeanne**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka
KICUKIRO

**Bimenyeshejwe**
- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro
  **KICUKIRO**

VILLE DE KIGALI
Secrétariat Central
Date de Réception: 22/03/2012
Signature: ..........

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KICUKIRO YATERANYE KUWA 17/03/2012**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 17/03/2012 mu cyumba cy'inama cy'Akarere, iyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama Dr Jeanne NYIRAHABIMANA. Inama yatangiye imirimo yayo saa kumi n'iminota mirongo itanu n'itanu (16:55) z'umugoroba isoza imirimo yayo saa yine na mirongo ine z'ijoro (22:40).

**Ubwitabire bw'Abajyanama:**

| N° | AMAZINA | ICYO AKORA | E-MAIL ADRESS | TELEFONE |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Dr NYIRAHABIMANA Jeanne | Perezida wa Njyanama | jnyirahabimana@gmail.com | 0788512107 |
| 2 | TWAGIRAYEZU Innocent | V/Perezida wa Njyanama | twagirainn @yahoo.fr | 0788300595 |
| 3 | UWAMARIYA Annet | Umunyamabanga | wannet@yahoo.com | 0788763800 |
| 4 | INGABIRE Laetitia | Umujyanama | ingabirel2002@yahoo.ca | 0788359187 |
| 5 | KAMALI Fulgence | Umujyanama | kamalifulgence@yahoo.fr | 0788510202 |
| 6 | KARANGWA Cassien | Umujyanama | Karca2006@yahoo.fr | 0788480107 |
| 7 | KAYIRANGWA Anita Marie Dominique | Umujyanama | kanita.md@gmail.com | 0788301008 |
| 8 | KARIGIRWA Agnès | Umujyanama | agnes.karigirwa@gmail.com | 0788508081 |
| 9 | MBONIGABA François | Umujyanama | mbonifr@gmail.com | 0788410598 |
| 10 | NDONKEYE Valens | Umujyanama | ndovalencia@yahoo.fr | 0788423128 |
| 11 | MUKAMANZI B. Betty | Umujyanama | basingabetty@yahoo.com | 0788524793 |
| 12 | MUKUNDE Angélique | Umujyanama | ange_muk@yahoo.fr | 0788572974 |
| 13 | MURENZI Dieudonné | Umujyanama | nzidieu2002@yahoo.fr | 0785041578 |
| 14 | MURORUNKWERE Nassira | Umujyanama | namimy2006 @yahoo.fr | 0788735823 |
| 15 | NDAMAGE Paul Jules | Umujyanama | ndamagepauljules @yahoo.fr | 0788525548 |
| 16 | UMUHOZA Ange | Umujyanama | hozange8 @yahoo.fr | 0788517701 |
| 17 | NKUBANA Dismas | Umujyanama | nkubanad@yahoo.com | 0788307733 |
| 18 | UMUHOZA Rose Marie Diane | Umujyanama | Mamiane2@yahoo.fr | 0788435105 |
| 19 | UWAYISABA Florence | Umujyanama | uwayisabaf@yahoo.fr | 0788354659 |

**Abasibye inama bafite impamvu**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | MUKAMA Wellars | Umujyanama | wmukama@yahoo.com | 0788442757 |
| 2 | KAZENGA Diogène | Umujyanama | kazengadio@yahoo.fr | 0788306960 |
| 3 | BIZUMUREMYI Gakwandi | Umujyanama | bizouga2001@yahoo.fr | 0788529623 |

Ku murongo w'ibyigwa hemejwe ingingo zikurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yo kuwa 21/01/2012
2. Kwita amazina imbuga rusange n'intindo
3. Imyanzuro y'Inama ya Komite Nyobozi na Biro y'Inama Njyanama
4. Raporo za Komisiyo :
   - Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu
   - Komisiyo y'Ubuyobozi, Politike n' Amategeko

- Komisiyo yo Kurwanya Akarengane
- Komisiyo y'Iterambere ry'Umugore, Urubyiruko, Umuco, Siporo n'Imibereho Myiza y'Abaturage
- Komisiyo adhoc
- Akanama gashinzwe kujonjora abakozi

5. Raporo ya Komite ya Audit
6. Ibyemezo by'inama y'ubuyobozi ya farumasi
7. Ibintu n'ibindi

## *I. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yo kuwa 21/01/2012*

***Umwanzuro wa 016/03/12:*** Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 21/01/2012 imaze gukorerwa ubugororangingo no kungurana ibitekerezo, icyemezo gitorwa n'abajyanama 18/18 bari mu cyumba cy'inama.

**Ubugororangingo bwakozwe ni ubu bukurikira:**

a) Hashingiwe ku ibaruwa n° 542 yo kuwa 06/02/2012, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w'inama Njyanama y'Akarere asubiza ibaruwa n° 002/07.0103/njy/2012 yo kuwa 21/01/2012, hemejwe ko umwanzuro 004/01/12 werekeranye n'ibiciro by'ubukode bw'ubutaka uhindurwa ku buryo bukurikira:

1. Ubutaka bugenewe guturwamo mu gice cy'Umujyi bwishyuzwa amafaranga 80/m$^2$;
2. Ubutaka bugenewe guturwamo mu gice cy'icyaro bwishyuzwa igiciro cyo hasi mu bipimo byateganijwe gihwanye n'amafaranga 30/m$^2$;
3. Ubutaka butuwemo mu gice cy'Umujyi budasanzwe muri "Cadastre" bwishyuzwa igiciro cyo hasi mu bipimo byateganijwe gihwanye n' amafaranga 30/m$^2$;
4. Ubutaka bwagenewe ubuhinzi butarengeje 2ha busonerwa amafaranga y'ubukode hakishyuzwa amafaranga 1000/ha ku burenzeho;
5. Ubutaka bugenewe ubucuruzi bwishyuzwa amafaranga 120/m$^2$ mu gice cy'Umujyi n'amafaranga 30/m$^2$ mu gice cy'icyaro;
6. Ubutaka bugenewe inganda bwishyuzwa amafaranga 50/m$^2$ mu gice cy'Umujyi no mu gice cy'icyaro

Inama Njyanama yemeje kandi ko imyanzuro y'inama izajya igezwa ku bajyanama kuri e-mail zabo mbere yo koherezwa kugirango buri wese abe ayifite yayikoreye n'ubugororangingo. Icyakora kubera igihe gito ntarengwa cyateganyijwe n'amategeko uhereye ku munsi inama iba yabereye cyo kohereza imyanzuro mu mujyi wa Kigali,

abajyanama basabwe kujya bihutira gukora ubugororangingo, bitaba ibyo imyanzuro ikoherezwa bukazakorwa mu nama ikurikiyeho nk'uko bisanzwe.

## *II. Kwita amazina imbuga rusange n'intindo*

Komisiyo y'iteramberee ry'ubukungu yagejeje ku nama njyanama amazina y'imbuga rusange n'intindo biri mu Karere ka Kicukiro

***Umwanzuro wa 017/03/12:*** Inama Njyanama yemje amazina y'imbuga rusange n'intindo ku buryo bukurikira:

| UMURENGE | IZINA RY'IMBUGA RUSANGE | IMBUGA Y'URUTINDO | AKO RUHEREREYE |
|---|---|---|---|
| GIKONDO | INGENZI PLACE | | Round about GIKONDO |
| | IHURIRO PLACE | | Round about KANOGO |
| | ITUZE PLACE | | Parc industiel |
| | | GATARE BRIDGE | Urutindo ruhuza GATENGA na GIKONDO |
| KANOMBE | KABEZA GARDEN | | |
| | | NYARUREMBO BRIDGE | Ikiraro gihuza (KABEZA) KANOMBE na NIBOYE |
| | | BWIZA BRIDGE | Urutindo ruhuza KANOMBE na NIBOYE |
| NYARUGUNGA | MAREMBO GARDEN | | Imbere ya KIGALI INTERNATIONAL AIRPORT |
| | | UMUSHUMBA MWIZA BRIDGE | Ikiraro gihuza UMUSHUMBA MWIZA (KICUKIRO) na RUTURUSU (GASABO) |
| | NYANDUNGU GARDEN | | Hepfo y'umuhanda wa NYANDUNGU |
| GAHANGA | | NYAGAFUNZO BRIDGE | Urutindo ruhuza GAHANGA na KAGARAMA |
| | | KIYANJA BRIDGE | Urutindo ruhuza GAHANGA na KAGARAMA |
| | | AKAGERA BRIDGE | Ikiraro gitandukanya Akarere ka KICUKIRO n'Akarere ka BUGESERA |
| | | NYACYONGA BRIDGE | Urutindo ruhuza GAHANGA na KAGARAMA |
| | | | |
| KIGARAMA | | IMENA BRIDGE | Urutindo ruhuza NYARUGENGE na KICUKIRO |
| | | NYARURAMA BRIDGE | Urutindo ruhuza NYARUGENGE na KICUKIRO |



Au

***III. Imyanzuro y'Inama ya Komite Nyobozi na Biro y'Inama Njyanama yo kuwa 22/02/2012***

**1. Ikibazo cy'ubutaka bw'Akarere bwasabwe na Rwanda Development Board (RDB)**

Inama njyanama yagejejweho umwanzuro wafashwe mu nama ya Biro y'inama Njyanama na Komite nyobozi ku bijyanye n'ubutaka bw'Akarere bwasabwe na Rwanda Develpment Board (RDB) kugirango hubakwe " ***KIGALI CULTURAL VILLAGE***".

Abajyanama bamenyeshejwe ko RDB nayo iyo nshingano yayiherewe **mu** mwiherero w'Abayobozi bakuru b'Igihugu wabereye i Rubavu mu ntangiriro z'umwaka wa 2011, noneho umujyi wa Kigali wandikira Akarere ka Kicukiro usaba gushaka ubutaka bwahabwa RDB ikubaka iyo " ***KIGALI CULTURAL VILLAGE*** ".

Abagize inama bamaze kungurana ibitekerezo kuri icyo kibazo, bamaze kandi gusesengura inzandiko zagiye zandikwa n'inzego za Leta zitandukanye (RDB, UMUJYI WA KIGALI, AKARERE KA KICUKIRO na MININFRA) bashimye umushinga uzakorerwa kuri ubwo butaka bw'Akarere, bashingiye kandi ko abasaba ubutaka nabo ari urwego rwa Leta, bemeje ko ubwo butaka bungana na 9,267Ha buri mu kibanza N° 3033 kiri mu Murenge wa Gatenga, Akagari ka Nyarurama, buhabwa k'ubuntu RDB.

***Umwanzuro wa 018/03/12:*** Inama njyanama yemeje uwo mwanzuro ishima n'uwo mushinga wo kugira " ***KIGALI CULTURAL VILLAGE*** "mu karere ka Kicukiro.

**2. Ikibazo cy'isoko rya Kabeza**

Umuyobozi w'inama yasobanuye ko Komite Nyobozi na Biro y'inama Njyanama mui iyo nama yo kuwa 22/02/2012 bize ku kibazo cy'ahari isoko rya kabeza, ahagaragajwe ko aho hantu hari isoko ry'akajagari, ryakozwe ku buryo butunguranye (not planned). Nyuma ya jenoside icyo kibanza gitizwa abaturage bashakaga gucuruza bagihawe n'Ubuyobozi bwa Komine Kanombe.
Ubu hakaba hari abaturage b'Umurenge wa Kanombe bibumbiye muri Campany yitwa***"KANOMBE COMMERCIAL UNION LTD"*** basabye icyo kibanza kugirango bahashyire inzu igezweho y'ubucuruzi, ndetse iyo campany yishyura ibintu by'abaturage byari hejuru y'ubutaka ariko ubutaka bakaba batarabwishyuye kuko bwo ari ubwa Leta.

Yamenyesheje abajyanama ko Akarere kashyizeho"valuer" wo kuhabara agaragaza ko ubwo butaka bufite agaciro ka miliyoni cumi n'ebyiri n'ibihumbi magana abiri na cumi na bitandatu n'amafaranga magana ane na mirongo itanu (12.216.450Frw) ariko mu nama yabo ya Biro na Komite nyobozi basanga ako gaciro kadakwiye ugereranije n'ibikorwa remezo bihari (fond de commerce) ndetse n'igiciro cy'ikibanza muri ako gace.

Basanze kandi icyo gikorwa kizahashyirwa kitari mu rwego rw'inyungu rusange ariko na none "KANOMBE COMMERCIAL UNION LTD" yaramaze kwishyura ibyari hejuru y'ubutaka, hemezwa ko Inama Njyanama izagifataho umwanzuro bityo gishyikirizwa komisiyo y'iterambere ry'ubukungu kugirango ikinonosore.

Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu yamenyesheje Inama Njyanama ko yasesenguye icyo kibazo mu nama yabo yo kuwa 13/03/2012 igasanga hakwiye gushakwa Umugenagaciro wemewe na Leta cyangwa hakifashishwa uwari yabikoze mbere kugirango bidatinda kandi bigatwara amafaranga make agakora expertise atahafashe nkinyungu rusange , hakamenyakana igiciro nyacyo kiri ku isoko hagurishwa byubahirije amategeko.

***Umwanzuro wa 019/03/12: Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo bafashe imyanzuro ikurikira:***

- Hashakwe Umugenagaciro wemewe n'amategeko ariko amenyeshwe ko habarwa ku buryo busanzwe (hakurikije ibiciro biri ku isoko) kuko ibizahakorerwa bidateganywa mu nyungu rusange; kandi byaba byiza umugenagaciro wa mbere ariwe ukomeje akazi hagakurikizwa amategeko kugirango bidateza igihombo Akarere. Agaciro k'ubwo butaka kazagezwa ku nama Njyanama kugirango ifate umwanzuro.

- Hemejwe ko "KANOMBE COMMERCIAL UNION LTD" ishaka kugura ubutaka bw'Akarere igeza ku nama Njyanama umushinga w'ibyo bagiye gukorera kuri ubwo butaka.

- Hemejwe ko n'ikindi gihe hazaba hakenewe gutanga ubutaka bw'Akarere hazajya hashakwa umugenagaciro ubyemererwa n'amategeko akaba ari we uha agaciro ubwo butaka.

-

### 3. Gushyiraho One Stop Center y'Akarere

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imari n'Ubukungu yasobanuye impamvu ya One Stop Center mu Karere ko biri mu rwego rwo kunoza services Akarere gaha abaturage, ndetse zimwe muri izo services zigatangirwa ku Murenge.

***Umwanzuro wa 020/03/12:*** Abari mu nama bamaze kungurana ibitekerezo, bashimye uwo mushinga, bemeza ko urwo rwego (structure) rutangizwa mu Karere. Abitabiriye inama bemeje kandi ko Komite Nyobozi ishyira abakozi mu myanya by'agateganyo muri urwo rwego ishingiye ku bakozi basanzwe bakorera mu Karere.

Inama Njyanama yemeje ko abakozi basanzwe bakora muri izo serivisi bashyirwa mu myanya by'agateganyo. Abadafite impamyabumenyi zijyanye nayo bagasimbuzwa binyuze mu ipiganwa nk'uko biteganywa n'amategeko. Komisiyo politike yasabwe kuziga amadosiye y'abo bakozi ndetse n'ayabandi bakozi b'Akarere kugira ngo harebwe niba abari mu myanya bujuje ibisabwa, ikazashyikiriza raporo inama y'Inama Njyanama.

## IV. Raporo za Komisiyo :

### 1. Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu

#### a) Ikibazo cya Mukankusi Muriel

Nk'uko byari byasabwe n'inama njyanama yo kuwa 21/03/2012 ko Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu icukumbura ikibazo cya Mukankusi Muriel bafatanyije n'umunyamategeko w'Akarere kugirango abone kwishyurwa 6,244,551 frw yishyuza akarere biciye mu buryo bwubahirije amategeko;

Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu yagejeje ku Nama Njyanama imyanzuro bagezeho mu nama yabo yo kuwa 13/03/2012 ivuga ko basanze:

- Nta contract igaragara muri dosiye ivuga ko Muriel azubaka kandi bivugwa ko yivanze mu kazi k'ubwubatsi mu gihe yari yarakoze sous traitance yo kuzana ibikoresho gusa;
- Nta rupapuro rugaragaza muri dosier ye ko ibikoresho yabizanye (bordereau de livraison), bityo akaba atakwishyurwa atabanje kubigararaza.
- Imirimo yo kubaka dortoir ntiyarangijwe.
- Komisiyo yifuje ko Komite Nyobozi ya kwifashisha umunyamategeko w'Akarere iki kibazo bakagifatira umwanzuro.

Inama Njyanama isanze :

- Isoko ryo kubaka dortoir muri Ecole Secondaire Masaka II ryaratanzwe mu buryo bwemewe n'amategeko, ariko uwatsindiye isoko akananirwa kurangiza ibyo yiyemeje bityo agasaba umufasha kurangiza inshingano ze amuzanira ibikoresho (sous traitance);
- Harakozwe ikosa n'Akarere ryo gushyira umukono ku masezerano ya sous traitance hagati y'uwatsindiye isoko (HICO) na sous traitant (MUKANKUSI Muriel) kandi aya masezerano yari hagati y'abantu babiri;
- Amafaranga yari ateganyijwe kuri contrat yari 40 114 082 Frw (toutes taxes comprises) , HICO yishyurwa 34 864 178 frw. Bigaragara ko ayo HICO yarisigaye kwishyurwa mbere y'uko haba sous traitance ari 5 249 904 frw mu gihe contrat ya sous traitance igaragaza ko Muriel azishyurwa n'Akarere 14 235 486 Frw. Bigaragara rero ko Muriel yinjiye muri gahunda yo kwishyurwa n'Akarere, Umushinga wo kubaka dortoir urangiye neza warengaho 8 985 582 frw. Ubu Mukankusi akaba yishyuza 6 224 551frw.
- Délai yo kubaka dortoirs yari amezi ane uhereye muri Kanama 2008.

***Umwanzuro wa 021/03/12:*** Inama Njyanama yemeje:

- Ko hababo gusesa amasezerano na HICO hagafatirwa ingwate ze,
- Ko HICO ikurikiranwa n' Akarere hakurikijwe amategeko
- Ko Mukankusi Muriel agaragaza bordereaux de livraisons yatangiyeho ibikoresho bigaragara kuri bon de commande n° 04/07/2009 yashyizweho umukono na HICO COMPANY tariki ya 04/08/2009.

**b) Amabaruwa y'abasabye ikibanza cyo kubakamo agakinjiro**

Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku nama Njyanama raporo ku mabaruwa y'abasabye ikibanza cyo kubakamo agakinjiro.

Mu rwego rwo guhanga umurimo, MIFOTRA yegereye Akarere ka Kicukiro igasaba ko hakubakwa agakinjiro ka kijyambere mu Karere kagaragaramo aho kwigishiriza imyuga n'aho gucururiza. MIFOTRA yateguye uwo mushinga, igaragaza igishushanyo mbonera cy'uwo mushinga n'ibijyanye nawo. Ako GAKINJIRO bari bifuje ko kakubakwa ku i Rebero ahari ingando y'abatigistes. Nyuma baje kugaragaza ko haramutse habonetse umushoramari washobora kubaka ako gakinjiro ka kijyambere (nk'uko MIFOTRA yari yakoze inyigo) ariwe wahabwa ikibanza. Abanditse basaba ni:

- APARWA ( Association pour la propmotion des artisans du Rwanda )
- M. Merci Modern Market
- KOPREATIVE ABAHUJE IBITEKEREZO na ADARWA.

Mu nama yo kuwa 20/01/2012 Komite nyobozi yemeje ko icyo kibazo gishyikirizwa Inama njyanama kugirango itange **umurongo w'uburyo aho hantu hazagurishwa.**

Komisiyo yasuzumye iki kibazo isanga hakoreshwa abantu bakora igenagaciro bemewe na Leta bakagaragaza agaciro k'ikibanza n'ibiriho hejuru, hanyuma Akarere kakandikira abasabye bose n'abandi babyifuza kugaragaza ibikorwa bifuza kuhakorera n'agaciro n'amafaranga batanga, hanyuma uzatanga menshi n'ibikorwa byiza akabariwe uhegukana.

***Umwanzuro wa 022/03/12:*** Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo bemeje ibi bikurkira byatorewe n'abajyanama 18/19 bari mu cyumba cy'inama, 1 arifafa kuko abona iyo procedure itanoze (fair):

- Ubutaka bw'Akarere buzagurishwa ahazubakwa agakinjiro ka kijyambere buzakorerwa expertise n'ababyemerewe n'amategeko kandi igiciro kizatangwa kizaba igiciro fatizo giherwaho mu kukigurisha (devis confidentiel) .

- Isoko ryo kugura icyo kibanza cyo kubakamo agakinjiro rizanyuzwa mu buryo buteganywa n'amategeko agenga amasoko ya Leta (appel d'offre public ). Abazapiganwa bashaka kubaka agakinjiro moderne, bazasabwa kugaragaza inyubako bashaka kuhashyira (offre technique), igiciro batanga (offre financiere) n'igihe bazakoresha (delai d'execution) kugirango iyo nyubako ibe yarangiye.

- Akanama k'amasoko kazareba ufite inyubako ijyanye n'igihe kandi (adahombya n'Akarere ku giciro k'ikibanza) utanga n'igiciro cyiza
- Abanditse basaba ikibanza bazasubizwa bamenyeshwa ko hazashyirwa ku isoko bakaba basabwa kuzubahiriza ibisabwa.

### c) Ibaruwa y'Umuyobozi w'ishuri rya Remera Academy I

Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu yize no ku ibaruwa y'Umuyobozi w'ishuri rya Remera Academy Iisaba kugura ahahoze urwibutso mu murenge wa Nyarugunga kugira ngo bashobore kwagura ishuri ryabo rimaze kugira abanyeshuri benshi.

Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu yamenyesheje Inama Njyanama ko imibiri yari muri urwo rwibutso yimuriwe mu rwibutso rwa Nyanza muri mata 2011, hakaba hakiri kare kuba hari ikindi cyahakorerwa, ariko bitabuza ko Inama njyanama yagena icy'azahakorerwa mu gihe kiri imbere.

***Umwanzuro wa 023/03/12:*** Inama Njyanama yemeje umwanzuro wa komisiyo ko hategerezwa nibura igihe cy'umwaka kugirango hagire icyo hakorerwa, isaba ko hakorerwa isuku mu bwitonzi kugirango hatagira abo bitoneka bari bafite ababo bahashyinguye.

## 2. Komisiyo y'ubuyobozi, politiki n'amategeko

### a) Ikibazo cya Nyiragwiza Odette

Nk'uko byari byasabwe n'Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Kicukiro yo ku wa 21 Mutarama 2012, abagize Komisiyo y'Ubuyobozi , politiki n'amategeko baherekejwe n'ukuriye Komisiyo y'ubutaka mu karere, bagiye ku kibanza kiburanwa na Madamu Odette Nyiragwiza mu murenge wa Kigarama mu rwego rwo gukemura ikibazo uvuga ko aho Akagera Motors kagiye kubaka ari ahe kandi ko nta ngurane yahawe.

Mu buhamya bwatanzwe na Madamu Odette Nyiragwiza yavuze ko abandi baturanyi be baguriwe amasambu yabo bakishyurwa n'akarere ngo ariko we ntiyigeze amenyeshwa ko ikibanza cy'umuryango we cyatanzwe kandi ngo ntiyigeze yishyurwa nk'abandi. Yavuze kandi ko ibyo kwimurwa na Leta kuri ubwo butaka batabyemeraga kuko bari bafite umushinga w'ishyirahamwe MUFORA Project ryari rifite umushinga wo kuhubaka hoteli. Ngo abari muri iryo shyirahamwe ni Habimana François, Sengoga Idrissa, Uzzia Nyandwi, Emile Vedaste.

Ku kibazo cy'ukuntu abandi babaruriwe bakanahabwa n'amafaranga we ntabimenye, yasubije ko muri icyo gihe yari arwaje umugabo we Nyakwigendera Habimana François kugeza aho yitabiye Imana.



AJS AU

Aha ariko abajyanama bagaragaje amakenga ku byavuzwe na Odette na bagenzi be kuko basangaga bidashoboka ko baba bataramenye amakuru ku byakorwaga icyo gihe, cyane cyane ko abandi baturanyi babo baguriwe amasambu yabo.
Madamu Odette Nyiragwiza yashyikirije kandi Komisiyo y'Ubuyobozi , politiki n'amategeko amasezerano y'ubugure bw'isambu y'umuryango we.
Komisiyo imaze gusesengura ikibazo yasanze :

- Amasezerano y'ubugure berekanye ntagaragaza ingano y'ubutaka bwagurishijwe
- Nta kindi cyemezo gitangwa n'ubuyobozi bagaragaje.
- Akarere ka GIKONDO katuje abaturage Bwerankori mukandi byari byemewe n'amategeko kuko ubutaka bwari ubwa Leta, umuturage akaba yarishyurwaga ibiri hejuru y'ubutaka akanasigirwa aho gutura.
- Komisiyo yasanze kuba bavuga ko umuryango wa Odette Nyiragwiza utigeze umenya iyimurwa ryakorewe ahari isambu yabo ukageza ku karere ikibazo nyuma y'imyaka itanu yose byateye amakenga Komisiyo.
- Amasezerano y'ubugure yateye urujijo komisiyo kuko abayasinye mu bayasinye harimo uwitwa Konseye kandi icyo gihe baguraga yari ataraba konseye.

Ku bw'ibyo Komisiyo yasanze ibivugwa n'umuryango wa Madamu Odette Nyiragwiza bitafatwaho ukuri kandi ko icyemezo cyari cyafashwe cyo kubaguranira ibindi bibanza cyaba gihagaritswe, kandi Akagera Motors kahabwa ibyangombwa byo kubaka kuko bahawe ibibanza mu buryo bwemewe n'amategeko.

***Umwanzuro wa 024/03/12:* Umwanzuro w'inama njyanama** (uyu mwanzuro watorewe n'abajyanama 19/19) bari mu cyumba cy'inama)

- Icyahoze ari Akarere ka GIKONDO kimura abaturage kugirango hatunganywe site ituzwamo abanyarwanda hari muri 2004 aho Ubutaka bwari ubwa Leta, umuturage wimuwe abarirwa ibiri hejuru y'ubutaka.

- Bigaragariye Akarere ko umuryango wa HABIMANA François ukeneye gutuzwa nk'abandi banyarwanda, bemerewe ibibanza 5 byo gutuzamo abana be mu murenge wa MASAKA, bakazegera ubuyobozi bw'Akarere bitarenze amezi abiri kugirango babihabwe, batabikora ubwo butaka bugahabwa abandi banyarwanda.

- Akagera Motors kahawe ibibanza bahabwe ibyangombwa byo kubaka ubutaka bwabo hashingiwe ku byangombwa bya burundu bafite.

### b) Ikibazo cya NZABANDORA na bagenzi be

Tariki ya 18/02/2012, Abajyanama bagize Komisiyo y'Ubuyobozi , politiki n'amategeko bagiye ku isoko rya GAHOROMANI riri mu Murenge wa Masaka bajyanywe no kwumva ikibazo cy'abaturage bandikiye inama Njyanama y'akarere bayisaba kurenganurwa bakemererwa kubaka mu kibanza bari baratije akarere kakagishyiramo isoko by'agateganyo.

Uhagarariye abo baturage basaba kurenganurwa Bwana Nzabandora Jean Bosco yerekanye imbibe z'ikibanza asobanura ko gihuriweho n'abantu 6 kandi buri wese akaba

azi ingano y'umugabane we. Yasobanuye ko bahatije akarere mu mwaka wa 2003 kuko Akarere kashakaga aho kimurira abacururizaga mu isoko rya Masaka ryari rigiye kuvugururwa. Ngo kandi icyo gihe akarere kari kabemereye ko isoko niryuzura bazemererwa kwiyubakira ibibanza byabo.
Abajyanama bamaze kureba uko ikibanza giteye no kwumva ibyifuzo bya ba nyiracyo, babagiriye inama zo kuba bakwishyira hamwe bakubaka inyubako zijyanye n'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali, kuko bidashoboka ko bakubaka uko bishakiye nk'uko babyifuzaga.

Ikindi gitekerezo bahawe ni uko abadashoboye kubaka mu buryo bwujyanye n'Umujyi bagurisha imigabane yabo, ndetse Maire wa Kicukiro abemerera ko banashatse Akarere kabafasha kuhagura hagashyirwa ikindi gikorwa cy'inyungu rusange.

Abaturage bose bashimye inama bagiriwe n'abajyanama, banishimira ko baje gukemurira ikibazo ahongaho. Bemeye ko bagiye kwongera bagahura bakazageza umwanzuro wabo ku buyobozi bw'Akarere.

***Umwanzuro wa 025/03/12:*** Inama njyanama yemeje umwanzuro abaturage bumvikanyeho na Komisiyo y'ubuyobozi, politike n'amategeko isaba ko bakwandikirwa basubizwa hashingiye ku myanzuro y'inama bagiranye na Komisiyo kuwa 18/02/2012. Umwanzuro watorewe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

## V. Ibyemezo by'inama y'ubuyobozi ya Farumasi

***Umwanzuro wa 026/03/12:*** Inama njyanama imaze gusuzuma imyanzuro yafashwe mu nama y'Inama y'ubuyobozi ya farumasi yo kuwa 15/02/2012 na 13/03/2012 yabashimiye uburyo bwiza bajya inama ariko isaba ko:

- Bajya banoza raporo zabo ku buryo uzisomye atari mu nama asobanukirwa (kunoza imyandikire, gushyiraho annexe z'ibivugwa muri raporo, ….),
- Ku ngingo ya mbere y'inama yo kuwa 13/03/2012 barasabwa kugeza ku Nama Njyanama umushinga w'amategeko ngengamikorere mbere y'uko wemezwa,
- Ingingo ya kabiri y'iyi nama ikaba itakwemezwa kuko prime basée sur la performance yavanyweho.
- Inama njyanama yemeje kandi ko internal audit w'Akarere akora audit yihuse ku mikorere ya farumasi.

Ibikubiye muri uyu mwanzuro byatorewe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

Inama yasubitse imirimo yayo 22: 40 abajyanama bemeza ko bazasubukura ingingo zari ku murongo w'ibyigwa kuwa gatandatu tariki ya 31/03/2012 saa munani.

**Umwanditsi w'inama**

UWAMARIYA Annet

**Umuyobozi w'inama**

Dr NYIRAHABIMANA Jeanne